REPUBULIKA Y'U RWANDA

Burera, kuwa 16/03/2020

INTARA Y'AMAJYARUGURU

N⁰ 37/02.04.04/02

AKARERE KA BURERA

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE

Bwana Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, MUSANZE

Impamvu: Kohereza imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 11/03/2020

Bwana,

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa ngira ngo mboherereze ku mugereka wayo imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 11/03/2020.

Mugire amahoro.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA BURERA

IZAMUHAYE Jean Claude

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera

Bimenyeshejwe:

- Madamu Umuyobozi w'Akarere ka BURERA
- Bwana Umuyobozi wungirije w'Akarere ka BURERA (Bombi)
- Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka BURERA

**IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA BURERA YATERANYE TARIKI YA 11 WERURWE 2020**

None kuwa 11 Werurwe 2020 ku biro by'Akarere ka Burera hateraniye inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera itangira imirimo yayo saa tanu (11H00), iyoborwa n'Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera Bwana IZAMUHAYE Jean Claude. Inama yitabiriwe n'Abajyanama 28 kuri 33 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Burera.

## I. ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA:

1. IZAMUHAYE Jean Claude
2. NZABANITA Jean Claude
3. MUKARULINDA Victoire
4. UWANYIRIGIRA Marie Chantal
5. DUSHIMEMARIYA Gertrude
6. DUSABEYEZU Désiré
7. HATEGEKIMANA Innocent
8. MANIRAFASHA Léonie
9. MUGISHA Esther
10. DUSENGIMANA Honorine
11. NSHIMIYIMANA Elie Gaston
12. MUJAWAYEZU Léonie
13. MURAGIJIMANA Dévotha
14. NDAYAMBAJE Théoneste
15. NIKWIGIZE Phocas
16. NIZEYIMANA Vestine
17. ZIKORA Bernard

18.NSENGIMANA Thomas
19.MUGISHA Justin
20.NTABARESHYA Jean Baptiste
21.UMUHOZA Delphine
22.MANIRAFASHA Jean de la Paix
23.DUKUNDIGENA Arsene
24.CYAMBAZA Gedeon
25.MUJAWAMARIYA Marguerithe
26.NIWEWANJYE Yvette
27.NYIRAMAHIRWE Jeanne d'Arc
28.MUNYEMBARAGA Jean de Dieu

## II. ABATITABIRIYE KU IMPAMVU ZIZWI:

1. MUNYANEZA Joseph
2. GASOROMANTEJA Sylvanie
3. MUJYANAMA Alexis
4. UWAMAHORO Solange
5. NIYITEGEKA Lambert

## III. INGINGO ZASUZUMWE:

1. Kurahiza Umujyanama mushya uzahagararira PSF mu Nama Njyanama y'Akarere ka Burera;
2. Gusuzuma no kwemeza umushinga w'ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Burera 2019-2020;
3. Kwemeza Umugenzuzi w'imbere mu Bitaro bya Butaro warangije igihe cy'igeragezwa;
4. Kwemeza ingurane y'ahateganyijwe gushyirwa ibikorwa rusange n'ibibanza by'abatishoboye;
5. Kwemeza amafaranga agomba guhabwa Umugenzuzi wigenga wakoze ubugenzuzi muri Burera College of Trade (BCT);
6. Kwemeza ubutaka bwahabwa umushoramari KAYITESI Julienne;
7. Kwemeza abagize Inama y'Ubutegetsi y'Ibitaro bya Butaro.

## IV. UKO INAMA YAGENZE:

| INGINGO ZASUZUMWE | IMYANZURO YAFASHWE |
|---|---|
| 1. Kurahiza Umujyanama mushya uzahagararira PSF mu Nama Njyanama y'Akarere ka Burera; | **Umwanzuro wa 1:**<br>✓ Abari mu nama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bakurikiranye indahiro ya Bwana MUNYEMBARAGA Jean de Dieu Umujyanama mushya uhagarariye abikorera mu Karere ka Burera (PSF) mu Nama Njyanama y'Akarere ka Burera, maze ku bwumvikane busesuye bamuha ikaze mu Nama Njyanama y'Akarere ka Burera. Uyu muhango wayobowe na Visi Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze Bwana MUNYAWERA Sophonie ari nawe wakiriye iyi ndahiro. |

| | |
|---|---|
| | **Umwanzuro wa 2:**<br>✓ Nyuma yo gukurikirana indahiro ya Bwana MUNYEMBARAGA Jean de Dieu, Umujyanama mushya uhagarariye abikorera mu Karere ka Burera ( PSF) mu Nama Njyanama y'Akarere ka Burera ndetse no kumuha ikaze mu Nama Njyanama y'Akarere ka Burera, ku bwumvikane busesuye bemeye ko yiyandikisha muri Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu mu Nama Njyanama y'Akarere ka Burera. |
| **2.** Gusuzuma no kwemeza umushinga w'ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Burera 2019-2020; | **Umwanzuro wa 3:**<br>✓ Nyuma yo gusuzuma ku buryo burambuye umushinga w'ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Burera 2019-2020 ingana na miliyari cumi n'icyenda, miliyoni magana atanu n'icyenda, ibihumbi ijana na mirongo itanu na bine n'amafaranga magana atatu na cumi n'arindwi y'u Rwanda (19, 509, 154, 317 Frws), ku bwumvikane busesuye abari mu nama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bayemeje basaba ko iyi ngengo y'imari yazakoreshwa neza mubyo yateganyirijwe.<br>**Umwanzuro wa 4:**<br>✓ Abari mu nama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera, ku bwumvikane busesuye bemeje ibipimo by'imisoro n'amahoro umwaka wa 2019-2020 bashingiye:<br>- Ku Iteka rya Perezida $N^0$ 25/01 ryo kuwa 09/07/2012 rishyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa |

| | |
|---|---|
| | by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze;<br>- Ku Itegeko N$^0$ 47/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rigena imicungire n'imikoreshereze y'amashyamba mu Rwanda;<br>- Ku Itegeko N$^0$ 75/2018 ryo kuwa 07/09/2018 rigena inkomoko y'umutungo n'imari by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage<br>- Ku Iteka rya Minisitiri N$^0$ 001/20/10/TC ryo kuwa 10/01/2020 rigena ibipimo fatizo n'ibindi bikurikizwa mu kugena umusoro wishyurwa ku bibanza;<br>- Ku mabwiriza y'isuku ari mu cyemezo cy'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 16/10/2016<br><br>**Umwanzuro wa 5:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa kwihutira gushyiraho gahunda ihamye yo gusobanurira abaturage Itegeko N$^0$ 75/2018 ryo kuwa 07/09/2018 rigena inkomoko y'umutungo n'imari by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage n'Iteka rya Minisitiri N$^0$ 001/20/10/TC ryo kuwa 10/01/2020 rigena ibipimo fatizo n'ibindi bikurikizwa mu kugena umusoro wishyurwa ku bibanza kuko ibyinshi bikubiyemo batabizi.<br><br>**Umwanzuro wa 6:**<br>✓ Nyuma yo kubona ko gahunda ivuguruye y'itangwa ry'amasoko ya Leta mu Karere ka Burera 2019-2020 igizwe n'amasoko 72, ku bwumvikane busesuye abari mu |

| | |
|---|---|
| | nama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bayemeje, ariko basaba Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera kwihutisha itangwa ry'ayo masoko kandi bikazakorwa hakurikijwe amategeko. |
| 3. Kwemeza Umugenzuzi w'imbere mu Bitaro bya Butaro warangije igihe cy'igeragezwa; | **Umwanzuro wa 7:**<br>✓ Nyuma yo gusuzuma raporo y'isuzumwa ry'imikorere yaranze Bwana HAVUGIMANA Jean Baptiste Umugenzuzi w'imbere mu Bitaro bya Butaro mu gihe cy'igeragezwa ry'amezi 6 rigaragaza amanota 80%; ku bwumvikane busesuye, abari mu nama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bamwemeje burundu nk'Umugenzuzi w'imbere mu Bitaro bya Butaro guhera tariki ya 21/11/2019. |
| 4. Kwemeza ingurane y'ahateganyijwe gushyirwa ibikorwa rusange n'ibibanza by'abatishoboye; | **Umwanzuro wa 8:**<br>✓ Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku hantu hateganyijwe gushyirwa ibikorwa rusange n'ibibanza by'abatishoboye, ku bwumvikane busesuye abari mu nama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bemeje ko Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera yakora ibi bikurikira:<br>- Kwishyura ingurane ikwiye ku bantu babariwe nyuma ku gikorwa cyo kwagura Model Village ya Kagano;<br>- Kwishyura ingurane ikwiye isigaye kuri phase ya III ahari kwagurirwa Kaminuza y'ubuzima (UGHE) mu Murenge wa Butaro;<br>- Gusuzuma neza no gukomeza kwishyura ingurane ikwiye y'imitungo yose izangizwa n'ikorwa ry'umuhanda Gitenge-Nyabizi; |

| | |
|---|---|
| | - Kugura ibibanza no gushaka ahari ubutaka bw'Akarere byazifashishwa mu kubakira abatishoboye amacumbi muri gahunda yo gukemura ibibazo byugarije imibereho y'abaturage (HSI);<br>- Kwishyura ingurane ikwiye y'ubutaka bwubakiweho abatishoboye barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda muw'1994 mu Murenge wa Rugengabare;<br>- Gukomeza kwishyura ingurane ikwiye ku mitungo y'abaturage izangizwa n'imirimo yo kwagura umuyoboro w'amazi Nyabizi-Rusarabuye-Kivuye;<br>- Kwishyura amafaranga angana na 5% ajyanye n'indishyi atari yarabariwe abaturage bishyuwe ibyangijwe ku ikorwa ry'umurongo w'amashanyarazi Rugengabari na Rwerere. |
| 5. Kwemeza amafaranga agomba guhabwa Umugenzuzi wigenga wakoze ubugenzuzi muri Burera College of Trade (BCT); | **Umwanzuro wa 9:**<br>✓ Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo, ku bwumvikane busesuye abari mu nama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bongeye gusaba Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera gushyira mu bikorwa umwanzuro wa 28 wafatiwe mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 28/09/2019 wasabaga gutegura inyandiko izashyingirwaho kugira ngo hafatwe umwanzuro ku mafaranga yazatangwa nk'uruhare rw'Akarere ka Burera hishyurwa umugenzuzi wigenga wakoze ubugenzuzi muri Burera College of Trade (BCT); |

| | |
|---|---|
| 6. Kwemeza ubutaka bwahabwa umushoramari KAYITESI Julienne; | **Umwanzuro wa 10:**<br>✓ Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo, ku bwumvikane busesuye, abari mu nama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera, basabye Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera gusaba Umushoramari Madamu KAYITESI Julienne CEO wa Byiza Lodge Ltd kugaragaza gahunda y'ibikorwa by'ubucuruzi bwe (busness plan) ndetse akanagaragaza inyungu abaturage b'Akarere ka Burera bakura mu bikorwa bye, bikazasesengurwa neza na Komisiyo y'ubukungu y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera. Komite Nyobozi y'Akarere ka BURERA irasabwa kandi kugisha inama RDB ndetse na Minisiteri ifite amashyamba mu nshingano zayo dore ko ubutaka busabwa buriho ishyamba. |
| 7. Kwemeza abagize Inama y'Ubutegetsi y'Ibitaro bya Butaro. | **Umwanzuro wa 11:**<br>✓ Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo, ku bwumvikane busesuye abari mu nama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera barasaba Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera kugaragariza Inama Njyanama y'Akarere ka Burera amabwiriza asinye yashyingiweho mu kugena urutonde rwasabirwaga kwemezwa n'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera ngo babe abagize Inama y'Ubutegetsi y'ibitaro bya Butaro. Iyi ngingo ikazagarukwaho mu nama isanzwe yo muri Werurwe 2020 y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera. |

Inama yasoje imirimo yayo saa kumi n'imwe z'umugoroba (17H00)

| | |
|---|---|
| MUKARULINDA Victoire | IZAMUHAYE Jean Claude |
| Umwanditsi w'inama | Umuyobozi w'inama |

**URUTONDE RW'ABAGIZE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA BURERA BITABIRIYE INAMA IDASANZWE YAYO YO KUWA 11/03/2020**

| N0 | AMAZINA | UMURENGE YOTEREWEMO | UMUKONO |
|---|---|---|---|
| 1 | CYAMBAZA Gédéon | CYANIKA | |
| 2 | DUKUNDIGENA Arsene | RUSARABUYE | |
| 3 | DUSABEYEZU Desiré | GITOVU | |
| 4 | DUSENGIMANA Honorine | RWERERE | |
| 5 | DUSHIMEMARIYA Gertrude | GITOVU | |
| 6 | GASOROMANTEJA Sylvanie | KIVUYE | |
| 7 | IZAMUHAYE Jean Claude | RUHUNDE | |
| 8 | HATEGEKIMANA Innocent | NEMBA | |
| 9 | MUNYEMBARAGA Jean ~~Claude~~ de Dieu | CYANIKA | |
| 10 | MANIRAFASHA Jean de la Paix | GAHUNGA | |
| 11 | MANIRAFASHA Leonie | RUGENGABARI | |
| 12 | MUGISHA Esther | CYERU | |
| 13 | MUGISHA Justin | BUNGWE | |
| 14 | MUJAWAMARIYA Marguerite | KINONI | |
| 15 | MUJAWAYEZU Leonie | NEMBA | |
| 16 | MUJYANAMA Alexis | KINYABABA | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 17 | MUKARULINDA Victoire | RWERERE | |
| 18 | MUNYANEZA Joseph | RUGARAMA | |
| 19 | MURAGIJIMANA Devotha | CYANIKA | |
| 20 | NDAYAMBAJE Theoneste | RUSARABUYE | |
| 21 | NIKWIGIZE Phocas | CYERU | |
| 22 | NIWEWANJYE Yvette | KAGOGO | |
| 23 | NIYITEGEKA Lambert | KAGOGO | |
| 24 | NIZEYIMANA Vestine | GAHUNGA | |
| 25 | NSENGIMANA Thomas | BUNGWE | |
| 26 | NSHIMIYIMANA Elie Gaston | RUGENGABARI | |
| 27 | NTABARESHYA Jean Baptiste | KINONI | |
| 28 | NYIRAMAHIRWE Jeanne d'Arc | KAGOGO | |
| 29 | NZABANITA Jean Claude | GATEBE | |
| 30 | UMUHOZA Delphine | RUHUNDE | |
| 31 | UWAMAHORO Solonge | GATEBE | |
| 32 | UWANYIRIGIRA Marie Chantal | KIVUYE | |
| 33 | ZIKORA Bernard | BUTARO | |